Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Uburezi

# Amabwiriza agena umusanzu w'ababyeyi mu mashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye

Kigali, ku wa 14 Nzeri 2022 - Mu rwego rwa gahunda ya Guverinoma yo guteza imbere uburezi bufite ireme kuri bose, Minisiteri y'Uburezi ishyigikira amashuri ya Leta n'akorana na Leta ku bw'amasezerano itanga inkunga kuri buri mwana, mu kunganira uruhare rw'ababyeyi. Ibi bishingiye ku itegeko N° 010/2021 ryo ku wa 16/02/2021 rigenga uburezi mu Rwanda.

Mu rwego rwo guca ubusumbane bugaragara mu mafaranga y'ishuri ababyeyi bishyurira abana hirya no hino mu Rwanda, bikaba n'imbogamizi ku miryango ifite amikoro make, Minisiteri y'Uburezi itanze amabwiriza akurikira mu rwego rwo guhuza urwo ruhare rutangwa n'ababyeyi mu burezi bw'abana babo mu mashuri ya Leta n'akorana na Leta ku bw'amasezerano; mu mashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye y'uburezi rusange no mu mashuri ya tekiniki, ku buryo bukurikira:

| | Uruhare rw'umubyeyi | Ibikoresho bigomba gutangwa n'umubyeyi |
|---|---|---|
| Umunyeshuri wiga ataha | Frw 19.500 ntarengwa | 1. Umwambaro w'ishuri;<br>2. Ibikoresho by'isuku;<br>3. Ibikoresho byo kumeza;<br>4. Ibiryamirwa;<br>5. Inzitiramubu;<br>6. Ikarita y'umunyeshuri;<br>7. Ikarita y'imyitwarire ;<br>8. Amafoto magufi ;<br>9. Ubwishingizi bw'umunyeshuri. |
| Umunyeshuri wiga aba mu kigo | Frw 85.000 ntarengwa | |
| Umunyeshuri wiga mu mashuri y'incuke n'abanza | Nta mafaranga y'ishuri<br>Frw 975 yo gufatira ifunguro ku ishuri | 1. Umwambaro w'ishuri<br>2. Ibikoresho by'umunyeshuri |
| Bibaye ngombwa kandi byemejwe n'Inteko Rusange y'Ababyeyi, ibindi byakenerwa n'ishuri ntibigomba kurenza amafaranga y'u Rwanda ibihumbi birindwi (Frw 7.000) ku gihembwe. | | |
| Ku mashuri asanzwe acumbikira abanyeshuri kandi akabaha matora mu buryo bwo kuzikodesha nka kimwe mu biryamirwa, yemerewe kwaka abanyeshuri bashya bonyine umusanzu w'amafaranga y'u Rwanda atarenze ibihumbi icyenda (Frw 9.000) atangwa rimwe gusa mu myaka itatu (3) kugira ngo hashobore gusimburwa matora zishaje. | | |

Nta shuri rya Leta cyangwa irikorana na Leta ku bw'amasezerano ryemerewe gusaba abanyeshuri ibindi bikoresho bitaboneka ku rutonde rwatanzwe muri iyi mbonerahamwe.

Ni itegeko ko buri munyeshuri yambara umwambaro w'ishuri wemewe mu gihe ari ku ishuri, ava cyangwa ajyayo. Ishuri ni ryo rigena ibara ry'umwambaro w'ishuri, imiterere n'imidodere yawo. Igitambaro cyatoranyijwe kudodwamo umwambaro w'ishuri ntikigomba kugira amabara menshi. Nta mubyeyi utegetswe kugurira umwambaro w'ishuri cyangwa ikindi gikoresho icyo ari cyo cyose ku ishuri umwana yigaho, keretse abyihitiyemo.

Aya mabwiriza azatangira gushyirwa mu bikorwa guhera mu mwaka w'amashuri 2022/2023, keretse gusa ibwiriza rijyanye n'umwambaro w'ishuri rizatangira gushyirwa mu bikorwa mu mwaka w'amashuri 2023/2024. Niba ishuri rihuye n'ibibazo byihariye mu ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza, ibyo bibazo bizajya bisuzumwa kandi byemezwe na Minisiteri y'Uburezi ku busabe bw'Inteko Rusange y'Ababyeyi.

Niba ubonye aho badashyira mu bikorwa aya mabwiriza, tumenyeshe kuri info@mineduc.gov.rw cyangwa uhamagare 2028.

Amabwiriza yose yabanjirije aya kandi anyuranya na yo, avanyweho.

**Dr. Valentine UWAMARIYA**
Minisitiri w'Uburezi

MINISTRY OF EDUCATION